

IKINYARWANDA
Itariki : 19/06/2024
Isaha : 9h30-10h30



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3 **IMBONERA Y'IKOSORA**

UMWAKA WA: **GATATU (P3)**

Amanota:

..... /40

IMBONERA Y'IKOSORA
IKINYARWANDA(LEGRA)

Umwaka wa 3

Igihembwe cya gatatu 2022-2023

Amanota 40

Umunsi wa mbere

UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IKIBONEZAMVUGO

I. UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI

A. Imigani y'imigenurano /5

Kuzuza imigani no kuyandika.

Urugero:

Ipaji ya 1 kuri 3

(a)ashima ubwe → **Utazi ubwenge** ashima ubwe.

(b) Nyamwanga kumva..... → Nyamwanga kumva **ntiyanze kubona**.

1.gatera amatsiko. → **Agapfundikiye** gatera amatsiko
2. Igiti kigororwa..... → Igiti kigororwa **kikiri gito**.
3.ntikamenya iyo bweze. → Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze.
4. Kora ndebe..... → Kora ndebe **iruta vuga numve**.
5.ni iya mweru. → **Inyana** ni iya mweru.

B. Ibisakuzo /5

Urugero:

(a) Nkubise urushyi rurumira → **Ibara ry'inka**

(b) Abana bange bangana bese → **Ifundi**

1. Ko undeba ndaguha ! **imyenge y'inzu**
2. Icwende ryange rimbaye kure mba ngukoreyemo ! **ukwezi**
3. Inka yanjye nyikama igaramye ! **umuvure**
4. Tuvuyemo umwe ntitwarya ! **Amashyiga**
5. Nshinze umwe ndasakara ! **Igihumyo**

II. IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)

A. Gushyira utwatumye dukwiye mu nteruro (amanota 5)

Urugero:

(a) Ufite imyaka ingahe → Ufite imyaka ingahe?

(b) Yooo Mbega umwana mwiza! → Yooo! Mbega umwana mwiza!

1. Umwarimu yababwiye ati: Ntimugasibe ishuri.
Umwarimu yababwiye ati: "Ntimugasibe ishuri."
2. Muzadusura ryari
Muzadusura ryari ?

3. Mbega umugabo munini
Mbega umugabo munini !
4. Yaguze imboga imbuto imyenda n'udukinisho.
Yaguze imboga, imbuto, imyenda n'udukinisho.
5. Umwana mwiza yumvira ababyeyi be
Umwana mwiza yumvira ababyeyi be.

B. Gusimbuza ijambo ritsindagiye **impuzanyito ivuye mu magambo ari mu dukubo (amanota 2.5)**

Urugero:

(a) Abakobwa ba Kamanzi ni abahanga. (abakambwe, abana, abangavu):

abangavu

(b) Yagize amanota meza **aranezerwa** (ararira, arishima, ararakara):

arishima

1. Uyu mwana akunda **ibiryo: amafunguro** .
2. Iwacu duturanye n'**umukungu: umukire**.
3. Yavuye kwivuka ubu ni **mutaraga: muzima** .
4. Abanyeshuri basabwa gukora **bwangu: vuba** imyitozo bahawe.
5. Kubwimana yigana **umwete: umurava** amasomo ye yose.

C. Gusimbuza amagambo atsindagiye mu nteruro **imbusane zayo. (amanota 2.5)**

Urugero:

(a) Tuzaruhuka mu **mpera** z'uku kwezi → Tuzaruhuka mu **ntangiriro** z'uku kwezi.

(b) Ibitabo bye abibika **munsi** y'ibyange → Ibitabo bye abibika **hejuru** y'ibyange.

1. Higiye yiga **hafi** ≠ **kure** y'iwabo
2. Keza **ababazwa** ≠ **ashimishwa** n'iki?
3. Kamana yabaye **umukene** ≠ **umukire**.
4. Uyu mwana agira **isuku** ≠ **umwanda**.
5. **Abahungu** ≠ **abakobwa** bakunda gukina.